RDR
Rassemblement Républicain pour la Démocratie au Rwanda
Republican Rally for Democracy in Rwanda
Ihuliro Rishingiye kuri Repubulika Liharanira Demokarasi mu Rwanda

Pour un Peuple Reconcilié dans un Etat de droit - For a Reconcilied People in a Rule of Law
Duharanire Ubwiyunge bw'Abanyarwanda mu Gihugu cyubahiriza Amategeko

ITANGAZO NO. 2/2005

TURASABA RUBANDA KUTITABIRA NO KWAMAGANA INKIKO GACACA MU RWANDA

Kuva FPR-Inkotanyi ifata ubutegetsi muri 1994, abantu barenga ibihumbi ijana na makumyabili (120 000) bamaze imyaka irenga icumi bafunzwe kandi nta gihano bigeze bacirirwa n'ubucamanza, baborera muri za gereza zubatswe ziteganyilizwa kwakira imfungwa ibihumbi cumi na bitanu (15 000) gusa. Kuva muri 1994, imfungwa zirenga ibihumbi cumi na bibili (12 000) zimaze gupfira muli izo gereza kubera indwara, ingoyi, inkoni bakubitwa n'imibereho mibi. Abenshi mu bari muri gereza ntibagira ikirego kigaragara cyanditswe muri dosiye yabo. Ubutegetsi bw'igitugu bwa FPR buhora buhatira abafunzwe kwiyemeza ibyaha bubizeza ko bazagabanyilizwa igihano cyangwa bagafungurwa. Bamwe mubagiye babyemera barafunguwe aliko bamwe bagahita bafatwa bagisohoka bagasubizwa mu buroko mu bulyo budasobanutse. Abere biyemeje kutagwa muli uwo mutego bo ntawe ubitaho barakomeza kuborera mu buroko.

Mu mwaka wa 2001, ubutegetsi bwa FPR bwashyizeho inkiko Gacaca, zikora ku uburyo bunyuranyije n'amategeko mpuzamahanga agenga inkiko n'imiburanishirizwe, bwitwaje ko bushaka kugabanya umubare ukabije wabafunzwe no gusesengura ibyabaye mu gihugu ndetse no gushakisha ukubabarirana kw' Abanyarwanda .Imibare berekaga icyo gihe abatanga amafaranga yo gukoresha muli izo nkiko yerekanaga ko inkiko zisanzwe zali zimaze guca imanza zigera ku bihumbi munani (8.000) gusa kuva zatangira muli 1996. Bavugaga ko byazafata imyaka irenga ijana kugirango inkiko zisanzwe zicire imanza abafunzwe bose bakekwaho ibyaha by' itsembabwoko (jenoside) .

Abacamanza ibihumbi magana biri (200.000) ba Gacaca bashyizweho hakozwe amatora afifitse yakoreshejwe na FPR mubo yo yita inyangamugayo kandi mu by'ukuli abenshi ali abayoboke bayo. Abo bacamanza nta bumenyi bafite mu byerekeye amategeko n'ubucamanza, abenshi ntibazi ndetse gusoma no kwandika. Muri Gacaca, uregwa agomba kwiregura ku giti cye, nta mwavoka umurengera uzi neza iby'amategeko ashobora kwiyambaza, kuko bibujijwe ko hagira umwunganira.

Ubutegetsi bw'igitugu bwa FPR-Inkotanyi bukomeje kubeshya amahanga ngo akomeze kubuha amafaranga yo gukoresha mu nkiko Gacaca bwerekana imibare ikabije kandi ihindagurika buli gihe. Ku wa mbere taliki ya 14 Werurwe 2005, Bwana Johnson Busingye, Umunyabanga mukuru muli Minisiteri y'Ubucamanza yatangaje ko abantu 761448 bamaze kwemezwa n'izo Gacaca ko bakekwaho ibyaha by' itsembabwoko (jenoside). Ni ukuvuga abantu bakubye inshuro 6 imfungwa ziri muri gereza! Bikagaragara rero ko izo nkiko Gacaca zizakoresha imyaka irenga mirongo ine ngo zibacire imanza aho kuba imyaka 7 nk'uko byavuzwe basaba amafaranga yo gukoresha muri izo Gacaca. Izo nkiko zabaye rero igikangisho ku baturage bo mu nzego zose. Tariki ya 14 Werurwe 2005, Madamu Donatila Mukantaganzwa ushinzwe Gacaca muli Minisiteri y'Ubucamanza yatangaje nawe

info@rdrwanda.org http://www.rdrwanda.org	Victoire Ingabire, Perezida Postbus 3124 2280 GC, Rijswijk, Netherlands Téléphone : 00-31-623075674 Fax : 00-31- 847450374	Emmanuel Nyemera, Visi Perezida Case postale 5352, Succursale B Montréal, Canada, H3B 4P1 Téléphone:00-1-514- 572 3466	Le RDR est membre de l'Union des Forces Démocratiques Rwandaises (UFDR)

imbere y'Inteko inshinga amategeko ko hali abategetsi bagera kuli 668, halimo n'abadepite batatu, bakekwaho na Gacaca kuba bafite uruhare mu itsembabwoko (jenoside) ryakorewe abatutsi.

Mw'izina ly'Abanyarwanda bose bashaka amahoro,ubutabera n'ukwishyira-ukizana, baharanira ko igihugu cyabo cyagendera ku mategeko muli demokarasi; ishyaka RDR lyongeye gusaba likomeje Umulyango w'Abibumbye (ONU), Ibihugu byunze Ubumwe by'I Burayi, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Canada, Afrika y'epfo n'ibihugu byose bishyigikiye Demokarasi ko byahagalika gukomeza gutanga amafaranga mu mushinga mubisha w'inkiko Gacaca z'ubutegetsi bw'igitugu bwa Generali Paul Kagame .Turasaba kandi abanyarwanda bose kwanga, kwamagana no kutitabira inkiko Gacaca kuko bigaragara ko ntacyo zizabagezaho kizima uretse guhembera urwangano, urwikekwe no gukwiza umwuka mubi mu gihugu cyose kugirango ubutegetsi b'igitugu bwa FPR-Inkotanyi bukomeze gusugira bubakandamiza.

Ishyaka RDR lirasaba Abanyarwanda ko bashira ubwoba n'impumu bagahaguruka bakamagana ubutegetsi bw'agatsiko ka FPR bubakandamiza bubabuza uburenganzira bwabo, bubaheza mu bukene, ubujiji no mu mibereho mibi, bushyira imbere umuco wo kubeshya rubanda n'amahanga no kwihisha inyuma ya za Gacaca ngo abatavuga rumwe na bwo batotezwe abandi bavutswe uburenganzira bwabo.
.
Dore impanvu zimwe na zimwe zituma twamagana izo nkiko Gacaca zashyizweho n'ubutegetsi bw'igitugu bwa FPR-Inkotanyi:

a) Izo nkiko za Gacaca zashyizweho n'ubutegetsi bwa FPR bushaka igisubizo cy'ikibazo cyatewe n'ubwo butegetsi. Nk'uko bubivuga bwashakaga ukuntu bwagabanya umubare w' imfungwa zuzuye mu magereza kandi buzi neza ko abo bose bafashwe ikivunge mu buryo bunyuranyije n'amategeko, bagafatwa n'abantu batabifitiye uburenganzira hejuru y'umujinya, urwango n'urwikekwe mu gihe FPR yafataga ubutegetsi ku ngufu muli 1994.

b) Izo nkiko za Gacaca ntizubahiliza uburenganzira bw' ikiremwa muntu bwemejwe n'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bw' Umuntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 19 Ukuboza 1966 , Amasezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bw'Umuntu n'ubw'Abaturage yo ku wa 27 Kamena 1981 n'Amahame shingiro Mpuzamahanga agenga Ubwigenge bw'Ubucamanza.

   Ayo mategeko yose arengwaho n'ubutegetsi bw'igitugu bwa FPR-Inkotanyi kandi u Rwanda rwarasinyiye kuyubahiliza. Aha twavuga cyane cyane igika kivuga uburenganzira ntayegayezwa ko *–Abaturage bose bareshya imbere y'amategeko – Nta muntu ushobora gufatwa ngo anafungwe hadakulikijwe amategeko aliho kandi yanditswe. - Buli muntu afite uburenganzira bwo kwiregura imbere y'inkiko zisanwe, zigenga, zifite ubushobozi buhagije kandi zidafite aho zibogamiye-. Buli muntu wese agomba guhabwa ubulyo bwose bwo kwiregura yifashishije abazobereye mu by'amategeko n'imanza.- Kirazira gushyiraho inkiko zikora k'ubulyo butateganyijwe mbere n'amategeko cyangwa zibangamira imikorere n'ububasha bw' inkiko zisanzwe.* Abantu benshi baregwa ibirego bimwe n' abo Gacaca zicira imanza baburanishijwe n'inkiko zisanzwe. Inkiko za Gacaca rero ntizituma abaregwa kimwe bose baburanishwa bose n'inkiko zimwe. Nk'uko bigaragara rero ziliya nkiko za Gacaca zashyizweho kandi zikora mu bulyo bunyuranyije n'ayo mategeko mpuzamahanga yose.

c) Inkiko za Gacaca zishimangira politiki mbi yo kudahana abanyabyaha bayobotse ubutegetsi buriho kuko zibujijwe gucira imanza no kugira icyo zivuga ku bategetsi n' abayoboke bamwe

ba FPR hamwe n'abasilikali bayo bamaze kugaragarwaho ko bakoze ibyaha bikomeye by'ubwicanyi mu gihe cy'intambara no kwibasira inyoko muntu.

d) Itegeko No 16/2004 lishyiraho Inkiko za Gacaca mu Rwanda litegeka buli muturage wese wujuje imyaka 18 kujya muli Gacaca buli cyumweru. Ibyo bikamubuza kugira icyo yakwikorera kandi bizwi ko ubukene n'inzara FPR yabashyizemo binuma, mu gihe abo bategetsi babazengurukamo mu mamodoka ahenze cyane yaguzwe mu mafaranga yali agenewe kubafasha kandi bakanabihemberwa. Umukozi wa Leta akomeza kubona umushahara we wa buri kwezi nta n'umunsi n'umwe uvuyeho kubera kujya muri Gacaca. Umuturage we uretse kutagira n'icyo yikorera agomba no kwirihira ingendo ngo aze muli izo Gacaca no gusiragira agemulira abe bafunzwe kuko ubutegetsi butita ku bafunzwe.

e) Umubare w'abazaburanishwa mu nkiko Gacaca uhora wongerwa bikabije kugirango ubutegetsi bw'igitugu bwa FPR-Inkotanyi bubone aho bushingira bwaka imfashanyo zitubutse hirya no hino mu mahanga, bucecekeshe kandi butere ubwoba abadatekereza n'abatavuga rumwe na bwo bubakangisha izo Gacaca. Ibyaha nabyo bihora bicurwa n'abacurabwenge ba FPR. Igiteye inkeke ni icyo gutekereza kuba ufite ingengabitekerezo y'itsembabwoko (jenoside) !

Ishyaka RDR libona ko kubahiliza ubutabera ali imwe mu nkingi zikomeye zafasha Abanyarwanda mu kwiyunga no gushyiraho demokarasi mu Rwanda. Muli urwo rwego ishyaka RDR risanga ubutegetsi bwagombye kwihutira gufungura imbaga yabafunzwe bafashwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Ubutegetsi bwagombye kwongera no gushakira ibya ngombwa inkiko zisanze, cyane cyane abacamanza n'abakozi bahagije kandi babifitiye ubumenyi kugirango zishobore gukora neza kandi vuba. Leta y'u Rwanda igomba kubahiriza amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwa muntu, cyane cyane ayerekeye ubutabera, gukuraho ikibaba ikingira abayoboke ba FPR-Inkotanyi bakekwaho ibyaha binyuranye kugirango nabo bafatwe bacirirwe imanza. Leta igomba kandi guha impozamalira abapfushije ababo baguye muri gereza za Leta bataburanishijwe. Ishyaka RDR liteganya ko mu gihe cy'ubutegetsi bwaryo abarenganyijwe bose n'inkiko Gacaca bazarenganurwa n'inkiko zisanzwe kugirango ubutabera nyabwo bwubahirizwe kuli bose.

Bikorewe i Montreal tariki ya 21 Werurwe 2005.

Mu izina ry'ishyaka RDR

Emmanuel Nyemera

Visi Perezida n'Umuvugizi